

AMAGAMBO Y'IBANZE

A. Mu mwaka wa 1992 nibwo Visionnaire akaba na Président Fondateur wa Mouvement pour Christ au Rwanda -M.P.C.R., **Rév. Pasteur KANYABIGEGA Silas** yahamagaje abantu ababwira vision Imana iri kumuha, abasaba ko bashinga Umuryango kugirango ibyo bibashe kugerwaho. Amaze kubasobanurira, yasabye abaje muri icyo nama niba bemera Izina ry'Umuryango nkuko Ijwi ry'Imana yumvaga rimubwira. Ababwira ko Imana iri kumuha izina ry'Umuryango ryitwa **MOUVEMENT POUR CHRIST AU RWANDA – M.P.C.R.** Ari ryo **UMURYANGO WAMAMAZA KRISTO MU RWANDA.**

Abari baje muri icyo Nama bose bemeje kandi bishimira ko uwo muryango witwa **MOUVEMENT POUR CHRIST AU RWANDA –M.P.C.R.**

Iryo Shyirahamwe rigamije Ivugabutumwa ndetse n'ibikorwa by'amajyambere, n'imibereho myiza y'abaturage, n'ibindi.

B.

MOUVEMENT POUR CHRIST AU RWANDA - M.P.C.R. iteganya kuzahindura izina, ikazitwa **MOUVEMENT POUR CHRIST INTERNATIONAL – M.C.I.** cg **INTERNATIONAL MOVEMENT FOR CHRIST – I.M.C**

Abanyamuryango bashinze M. P .C .R bayobowe na **Promoteur** ari nawe Président–Fondateur basanze ko byaba byiza **UMURYANGO WAMAMAZA KRISTO MU RWANDA** wazagera igihe ugahinduka Mpuzamahanga kubera cyane cyane impamvu ebyiri zikurikira :

1. Kugeza Ubutumwa Bwiza bw'Ijambo ry'Imana mu bihugu byinshi.
2. Gufatanywa n'abagiraneza mu buryo bwarushaho kworoha.

Bityo rero, amategeko yihariye ya M.P.C.R. (Règlement d'Ordre Intérieur yayo) niyo azakomeza kubahirizwa muri **MOUVEMENT POUR CHRIST INTERNATIONAL.**

ICYITONDERWA :

- a. Amategeko yihariye ya M.P.C.R. azubahirizwa aho Mouvement pour Christ izakorera, mu bihugu byose.
- b. Vision ya Mouvement pour Christ itangwa na Visionnaire wa Association, ariko afatanije n'abanyamuryango batangiranye, kandi bayemera, bashobora guhindura, kwongera no kugabanya ku bisanzwe bigenderwaho.
- c. Organigramme n'kirangantego, n'ibendera bya M.P.C.R. nabyo bigaragara neza ku ma paje aheruka.
- d. Promoteur, Président Fondateur, ari nawe Visionnaire wa **MOUVEMENT POUR CHRIST AU RWANDA** na **INTERNATIONAL MOVEMENT FOR CHRIST** ni **Rév. Pasteur KANYABIGEGA Silas**

INTANGIRIRO

AMAVU N'AMAVUKO Y'UMURYANGO WAMAMAZA KRISTO MU RWANDA - M.P.C.R.

Kugirango dusobanukirwe neza inshingano z'UMURYANGO WAMAMAZA KRISTO MU RWANDA – M.P.C.R dukwiriye kureba uko u watangiye, n'inteko nkuru yawo.

A. UKO M.P.C.R. YATANGIYE

Umuryango MUVOMA YAMAMAZA KRISTO MU RWANDA ariwo MOUVEMENT POUR CHRIST AU RWANDA (M.P.C.R.) washinzwe na Rév. Pasteur KANYABIGEGA Silas.

Imana yari imaze iminsi imusaba gushinga UMURYANGO WAMAMAZA KRISTO mu Rwanda, ndetse amaherezo ukazarenga n'imipaka y'u RWANDA. Imana yamwerekaga uko abantu bari mu bintu byinshi bibarangaza, imusaba gushyiraho umuryango w'Ivugabutumwa uzajya usanga abantu aho bari aho gutegereza ko aribo bafata iyambere bashakashaka ababagezaho Ubutumwa Bwiza, cyangwa aho basengera.

Ubwo rero ijwi ry'Imana ryakomeje kumvikana, bigeza ku italiki ya 12/5/1992 niho Fondateur wa M.P.C.R. yahamagaje abantu, ababwira igitekerezo Imana yamuhaye, maze bose bacyakira neza. Bashyiraho amategeko agenga M.P.C.R. (STATUTS) ndetse bashyiraho n'amategeko yihariye y'Umuryango (Réglement d'Ordre Intérieur).

Umuryango M.P.C.R watangiye kuri icyo taliki ya 12/5/1992, ushyiraho Umuvugizi ari nawe Perezida-Fondateur: Rév. Pasteur KANYABIGEGA Silas; Umuvugizi wungirije aba bwana MFITUMUKIZA William.

Ubwo **Perezida** wa MPCR ari nawe **Muvugizi** w'Umuryango yahise yandikira Ministre w'Ubutegetsi amusaba Ubuzima–Gatozi, Ministri ntiyatizze kumusubiza, abumwemerera.

Iteka rya Ministi riha Ubuzima –Gatozi MOUVEMENT POUR CHRIST AU RWANDA - M.P.C.R.- ni 274/05ryo kuwa 08 septembre 1992.

Inama yambere ya M.P.C.R. yabereye i Kinyinya ho muri Komine Rubungo, Prefectura Kigali – Ngali kandi yayobowe na Perezida–Fondateur w'Umuryango ari nawe Promoteur, na Visionnaire wa M.P.C.R.

B. INTEGO NKURU Y'UMURYANGO WAMAMAZA KRISTO MU RWANDA –

M·P·C·R:

Intego zinyuranye za M P C R ziboneka muri STATUTS z'umuryango ariko mubyukuri Intego Nkuru ya **MUVOMA YAMAMAZA KRISTO MU RWANDA** ni **UKUMENYEKANISHA YESU** dukoresheje

uburyo bwose bushoboka bw'Ivugabutumwa dushingiye ku Ijambo ry'IMANA riboneka mu Butumwa Bwiza uko bwanditswe na YOHANA «**kuko Imana yakunze abari mu isi cyane byatumye itanga umwana wayo w'ikinege, kugirango umwizera wese atarimbuka ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho** » (Yohana 3:16),

Turateganya ko Ivugabutumwa ryagira ingufu, dukoresha :

1. Kubwiriza abantu benshi hanze (en plein air) ; ku masoko, ku ma stades, n'ahandi.
2. Kubwiriza mu Nsengeru
3. Kubwiriza umuntu umwe umwe
4. Kwerekana Film y'imibereho ya YESU n'izindi zigisha iby' IMANA
5. Gukoresha amakonseri (concerts)
6. Gutanga udutabo tw'Ijambo ry'IMANA (brochures et traités)
7. Gukoresha amasemineri (séminaires)
8. Guhugura no kwigisha Ijambo ry'Imana abizera
9. Kwigisha Bibliya na Tewologia abakozi b'Imana , n'abandi babyifuza
10. Gushyira abafite umuhamagaro mu murimo w'Imana
11. Kuzamura mu ntera abari mu murimo kugirango barusheho kuwukora neza, nko gutanga ubupastori no kubazamura mu nzego zo hejuru.
12. Kugira imyambaro iranga abakozi ba M P C R, igaragaza ko ari abakozi b'Imana: iyo ni nk'amakanzu, imisaraba ku makoti cyangwa mu gituzo, na cola kubazaba babyemerewe, n'ibindi....
13. Kugeza Ubutumwa Bwiza hose mu Rwanda no ku isi yose
14. Gutangiza Amatorero (Planting Church)

IGICE CYA MBERE

A. UKWEMERA KWACU (Confession deFoi)

I. IMANA

100 à 149

100. Twemera ko hariho IMANA imwe rukumbi y'ukuri ; Umuremyi w'ibintu byose. Mu Mana imwe harimo Ubutatu: Imana **Data wa twese**, Imana **Umwana**, n'Imana **Umwuka Wera**. Buri wese mu bagize Ubutatu ahwanyije Ubumana n'undi.

II. YESU KRISTO

101. Twemera ko YESU KRISTO ari Imana.

YESU w'I Nazareti yari Imana ifite umubiri w' umuntu, akaba Imana nya Mana kandi akaba umuntu nya muntu. Yihinduye umuntu mu gihe inda isamwa mu buryo butangaje n'Umwari Mariya mu mbaraga z'Umwuka Wera. YESU yaje mu isi kugirango adukize.Yarababajwe, arabambwa, arapfa, arahambwa, ku bwacu.

102. Twemera ko YESU KRISTO yazutse atsinze urupfu. Yazukanye umubiri ufite ubwiza buhebuje .Yazamutse ajya mu Ijuru , ubu yicaye ari Umwami nyiri icyubahiro , ari iburyo bw'Imana Data, adusabira , kandi niwe Muhuza umwe w'Imana n'abantu .Azagaruka kandi azacira abantu imanza

103. YESU KRISTO yabayeho atagira icyaha .Yemeye kuba impongano (indishyi) y'ibyaha

Ubwo yapfaga ku musaraba, yishyizeho igihano cyari kitugenewe, kugira ngo Umwizera wese abone agakiza.

III. UMWUKA WERA

104. Twemera yuko Umwuka Wera ari umwe mu bagize Ubutatu bw'Imana. Twemera ko Umwuka Wera yazanywe mu isi no guhishura, no kubahiriza Kristo, no guhesha abantu agakiza. Yemeza abantu ibyaha, akabazana kuri Kristo, akabaha Ubugingo bushya. Atura muri bo uherye igihe babyariwe ubwa kabiri, kandi abashyiraho ikimenyetso kugeza ku muni wo gucungurwa. Umwizera yuzuzwa Umwuka Wera mu bugingo bwe, agahabwa imbaraga n'uwo Mwuka Wera no kuyoborwa na we kubwo kwizera. Buri mwizera yahamagariwe kubaho mu mbaraga z'Umwuka Wera utuye muri we kugirango adakora ibyo kamere irarikira, ahubwo yere imbuto zubahisha Imana.

IV. IBYANDITSWE BYERA

105. Twemera yuko Biblia igizwe n'ibitabo 66.Muri byo 39 bigize Isezerano rya Kera, naho 27 bigize Isezerano Rishya. Byatanzwe nta mafuti arimo, byanditswe n'abera b'Imana bashorewe n'Umwuka Wera. Birimo ibikwiriye byose ngo abantu bakizwe. Nibyo bituyobora mu kwizera no mu migendere yacu, kandi cyane cyane bigaragaza ibyerekeye YESU KRISTO.

106. Twemera yuko Ibyanditswe Byera byerekana rwose gushaka kw'Imana; nuko rero abantu ntibakwiye guhatwa gukurikira cyangwa kwizera ibitari muri byo cyangwa ibidashobora guhinyuzwa na byo, kugira ngo babone gukizwa.

V. ABANTU

107. Umuntu yaremwe mu ishusho y'Imana nta cyaha afite, kubwo kutumvira aza gucumura ku Mana, ibyo bituma atandukanywa nayo. Kugwa mu cyaha kwa Adamu kwatumye abantu bose bacirwaho iteka.

108. Kamere y'umuntu yarononekaye.Kubwo ibyo, ntashobora kunezeza Imana .Buri wese akeneye kuvuka ubwa kabiri no guhindurwa mushya n'Umwuka Wera.

VI. AGAKIZA

109. Agakiza k'umuntu ni impano yuzuye Imana itangira ubuntu; nta kintu na gito umuntu abasha kuyongeraho kugira ngo akizwe, yaba imirimo myiza cyangwa imihango y'idini.

Abo Imana iha agakiza, bitwa abakiranutsi, ni abashyira ibyiringiro byabo muri YESU KRISTO, bakamwizera nk'Umwami n'Umukiza wabo bwite .Umuntu wese wizeye YESU KRISTO nk'Umwami n'Umukiza we bwite yitwa umukiranutsi mu maso y'Imana.

VII. ITORERO

110. Imana itegeka ubwoko bwayo guteranira hamwe buri gihe kubwo kuyisenga, gukora imihango y'Itorero, guhimbaza, gukomezanya no guhugurana dukoresheje Ibyanditswe Byera. YESU KRISTO ni Umutwe w'Itorero ariryo mubiri we ugizwe n'abantu bose, abakiriho n'abapfuye bunzwe na Kristo kubwo kwizera.

VIII. IBY'IMPERUKA

111. Iyo uwizera apfuye ahita yinjira mu busabane bw'iteka n'Umwami Yesu, abizi kandi abona, ategereje kuzambikwa umubiri mushya w'ubwiza k'umunsi w'umuzuko. Iyo utizera apfuye yinjira ahantu hamutandukanya n'Imana iteka ryose abizi kandi abona; ategereje umuzuko w'umubiri we, urubanza no gucirwaho iteka.

112. Twemera yuko Yesu Kristo azagaruka ku isi aje kwima ingoma ye y'imyaka 1000. Bizabanzirizwa n'umuzuko wa mbere no kuzamurwa kw'Itorero, ari bwo abacunguwe bose bazahabwa ingororano.

IGICE CYA KABIRI

A. KUBA UMUNYAMURYANGO, UBURYO BAWUBAMO, N'AMASEZERANO YABO.

I. KUBA UMUNYAMURYANGO

113. Umuryango ugizwe n'abanyamuryango by'ukuri, n'abanyamuryango b'icyubahiro. Abanyamuryango by'ukuri ni abawushinze, n'abaje nyuma bakemerwa n'inteko rusange, bagahabwa amakarita asinyweho na Perezida ari nawe Représentant Légal wa MUVOMA YAMAMAZA KRISTO MU RWANDA – MPCR –.

114. Iyo ubaye umunyamuryango wa MPCR uba wemeye kujyengwa n'amasezerano yose y'Umuryango.

115. Abashinze umuryango ni abashyize umukono ku mategeko y'umuryango mu mwaka wa 1992

116. Abinjira mu muryango ni abantu bose bashatse, bashobora kwitangira intego z'umuryango. Abo baba abanyamuryango bamaze kwemerwa n'Inteko Rusange, hanyuma Prezida w'umuryango agasinya ku makarita yabo.

117. Ushobora kuba umunyamuryango w' icyubahiro ni umuntu wese, ariko ushimishwa n'ibikorwa byawo kandi ushyigikiye ko ujya imbere. Abanyamuryango b'icyubahiro bashobora kujya mu Nama zose z'umuryango, ariko ntibashobora gutora.

118. Kuba umunyamuryango babisaba Prezida wa MPCR cyangwa abahagarariye umuryango yabihereye uburenganzira.

II. KUVA MU MURYANGO

119. Kuva mu muryango bishobora guterwa nuko nyiri ubwite abyishakiye, cyangwa se yirukanywe n'Inama y'Nyobozi ikuriwe na Prezida.

120. Vision y'umuryango igomba kubahirizwa na buri munyamuryango. Kurwanya Vision ya MPCR kandi ukiri mu muryango bizanira ubikoze igihano cyo kwirukanwa mu muryango.

121. Iyo umunyamuryango anyuranije n'amasezerano yagiranye na MPCR bimuviramo kwirukanwa.

III. AMASEZERANO Y'UMUNYAMURYANGO

122. Nzagendera mu KWEMERA kwa MOUVEMENT POUR CHRIST, nemera no gutegekwa na statuts zayo ndetse n'amategeko yihariye y'umumuryango

123. Nzagerageza gukomeza ubumwe muri MPCR, nirinda icyintu cyose cyatuma umuvurungano uza mu muryango.

124. Nzirinda kwigomeka ndetse no guhangana n'abayozzi hakoreshejwe uburiganya cyangwa izindi nzira zidahesha Imana icyubahiro.

125. Ninkora ibinyuranije n' amatwara y'umuryango, ubuyobozi bufite uburenganzira bwo gufata ibyemezo bikwiye, ariko bikorewe mu rukundo.

126. Nzagerageza gukora ibinteza imbere, hamwe n'abandi dufatanije, mu byerekeye iby'imitima n'iby'umubiri, n'iby' ibitekerezo, n'iby' amajyambere.

IGICE CYA GATATU

ITEGEKO NSHINGA: AMATEGEKO, INTEGO.

A. .AMATEGEKO

127. Amategeko yihariye y'umuryango ashwirwaho cyangwa agahindurwa n'ubwiganze bw'abanyamuryango. Asinywa na Prezida, Vice-Prezida na Secetaire cyangwa na Prezida wenyine.

128. MUVOMA YAMAMAZA KRISTO MU RWANDA – M.P.C.R – ishobora kwaguka ikaba mpuza-mahanga. Icyo gihe Prezida – Fondateri ari nawe Prezida niwe ukomeza kuba umuyobozi mukuru w'umuryango haba mu Rwandsa, cyangwa ahandi MOUVEMENT POUR CHRIST itangijwe. Icyo gihe amategeko yihariye (Règlement d'Ordre Intérieur) niyo akomeza gukurikizwa keretse iyo ubuyobozi bukuru bwo mu RWANDA – ku Cyicaro Gikuru - buhisemo kugira icyo buhindura. Icyo gihe Prezida arabisinyira abyumvikanyeho n'abandi bayobozi bakuru b'umuryango, nyuma bakabimenyeshya Inama rusange

129. Prezida - Fondateur niwe Prezida w'umuryango kandi ntatorwa. Niwe ushyira abakozi mu murimo kandi niwe ubahagarika ashingiye ku mpamvu z'inyungu z'umuryango.

130. Kubera ko Vision y'umuryango ari Imana igenda iyitanga, amategeko yihariye y'umuryango ashobora kuzajya agenda yiyongera, cyangwa ahindurwa bikozwe na Visionnaire w'Umuryango, kandi bikubahirizwa aho MOUVEMENT POUR CHRIST ikorera hose ku isi.

131. Vision y'umuryango niyo abayobozi, kimwe n'abanyamuryango ba MOUVEMENT POUR CHRIST bo mu bihugu ikoreramo byose bagomba kugenderaho.

132. MOUVEMENT POUR CHRIST izajya ifatanyaho aho bishoboka n'Amatorero ndetse n'Imiryango y'Ivugabutumwa mu kwamamaza Izina rya YESU, no mubindi bikorwa ifitemo inyungu.

133. Abashinze umuryango nibwo bahindura amategeko ku bwiganze bwa ¾. Iyo batagezeho Prezida afatanyaho n'ababonetse.

134. Prezida w'umuryango afite ububasha bwo gusezerera ku mirimo umunyamuryango cyangwa umukozi wese utakigendera muri vision ya MPCR. Ibyo bireba n'undi muntu uwariwe wese wo mu kindi gihugu uri mu buyobozi bwa MOUVEMENT POUR CHRIST.

B. IKIRANGA- NTEGO

IKIRANGA- NTEGO CYA MUVOMA YAMAMAZA KRISTO MU RWANDA (MPCR)

135. Ikiranga Ntego cya MOUVEMENT POUR CHRIST AU RWANDA ni igishushanyo cya Biblia irambuye, Umusaraba ushinze muri Biblia ;Inuma nayo imanukira ku Musaraba, inyuguti MPCR zanditse ku Musaraba zikurikirana gutyo aho ibiti 2 by'Umusaraba bihurira. Ibyo byose bizungurukijwe n'amashami abiri atoshye, ahese, ariko adahuye, bigaherekezwa nanone n'umurongo wo muri Biblia « Yohana 3 : 16 ».

136. MOUVEMENT POUR CHRIST mu bindi bihugu izajya ikoresha ikirangantego kitanyuranije n'igikoreshwa kuri Siège yayo. Ni ukuvuga ko ahanditse R (Rwanda) ariho hazasimburwa n'inyuguti ibanza y'icyo gihugu. Ibindi bizaguma uko biri.

137. Aya mategeko yihariye ya MOUVEMENT POUR CHRIST AU RWANDA –MPCR – yiyongera ku mategeko ari kuri statuts za MPCR. Afite uburemere bungana.

INSOBANURO

138. BIBLIA :

_MUVOMA YAMAMAZA KRISTO MU RWANDA – MPCR – yubatswe mu butware bw'Ijambo ry'Imana kandi yihatira uko ishoboye gukwiza Inkuru Nziza y'Ijambo ry'Imana ku batarabimenya ngo bizere, bihane ibyaha, bakizwe.

	Ikiranga Ntego cya Mouvement pour Christ	
--	--	--

MPCR kandi yita ku bamaze gukizwa ngo ibakomereze mu Ijambo ry'Imana.

139. UMUSARABA:

Umusaraba werekana ko twishingikirije ku Musaraba wa YESU, ari nawo shingiro ry'agakiza.

140. « YOHANA 3:16 »

Uyu murongo wa Bibliya uvuga ngo 'KUKO IMANA YAKUNZE

ABARI MU ISI CYANE BYATUMYE ITANGA UMWANA WAYO W'IKINEGE , KUGIRANGO UMWIZERA WESE ATARIMBUKA, AHUBWO AHABWE UBUGINGO BUHORAHO.

Dusabwa kubwiriza abantu Ubutumwa Bwiza bwo **KWIZERA YESU.**

Duhirimbanire **KWAMAMAZA KRISTO** kuko UMUNTU WESE UMWIZERA abona agakiza.

141. INUMA:

Ni ikimenyetso cy'Umwuka Wera , uhamiriza abizera Kristo bose ko bazajya mu ijuru nyuma y'imihati yose yo muri iyi si.

142. AMASHAMI ATOSHYE:

MOUVEMENT POUR CHRIST yubatswe ku byiringiro bizima n'amasezerano ya Kristo

143. IBENDERA

Ibendera rya MOUVEMENT POUR CHRIST rigizwe n'amabara atatu: Umuhondo, Umwera, Umutuku.

144. Amabara agize iryo bendera akurikirana gutya:

- 1: Umuhondo (ibara ribanza uvuye ku giti)
 - 2: Umweru (ibara rikurikira umuhondo)
 - 3: Umutuku (ibara rya gatatu rikurikira umuhondo)
- Ikiranga ntego kijya mu ibara ryo hagati ari ryo ry'umweru.

145. Ubusobanuro bw'aya mabara

1. Umuhondo usobanura ibyiringiro
2. Umweru usobanura ubuziranenge
3. Umutuku usobanura amaraso ya Kristo

IGICE CYA KANE:

AMATEGEKO ASOZA

Ubuyobozi bwa M.P.C.R (Administration)

146. Ubuyobozi bwa M.P.C.R bubanzirizwa na Prezida, Vice- Prezida, hagakurikiraho Inama ya ba Fondateurs, n'izindi nzego nkuko Organigramme ku ma paje akurikira ibitwerekako.

147. Département y'Ivugabutumwa igizwe na:

1. Ivugabutumwa Rigenda (Evangélisation mobile)
2. Ivugabutumwa ry' ahantu runaka (Evangélisation locale)
3. Division ishinze ubufatanye n' amatorero (Division EGLISE cg Church's Program)

Hazakenerwa :

1. Ibigyirizwa by' amashuri (Centre de méditation)
2. Ibumba binini by' Ivugabutumwa (Salles d' Evangélisation)

IMIKORERE YA ZA DEPARTEMENTS

148: Département y'Ivugabutumwa no gukura kwa MPCR.

- a. Kwiga no gutunganya uburyo bwo kwagura MPCR bashingira aho gukorera mu Ntara zinyuranye ; no gutangiza MOUVEMENT POUR CHRIST mu bindi Bihugu.
- b. Kwiga no gutunganya uburyo bwo kugeza ubutumwa mu mijyi ;
- c. Gusohora ibyigishwa byigisha iby' Imana;
- d. Gusohora uburyo bwo kugeza ubutumwa mu bigo biteraniwemo na benshi (nka prisons, ibigo bya gisirikare, amavuriro, amashuri, n' ahandi)
- e. Kwigisha no guhugura abavugabutumwa;
- f. Kwigisha abantu gusoma birasa ku ntego;
- g. Gusohora abantu mu mahugurwa (Conférences) y' ibijyanye n' Ijambo ry' Imana mu gihugu cg mu mahanga duherereye cyane cyane ku banyamuryango
- h. Kwamamaza ubutumwa mu mahanga, igihe bishobotse.

149. Département y'Ubuwuzi

Imirimo n' inshingano:

- a. kwiga uburyo bwo kwirinda indwara, no kubwigisha
- b. Uburyo bwo kuvura indwara
- c. Uburyo bwo gukingira indwara
- d. Kureba imibanire ya Departema n' indi miryango y' ubuwuzi, bikozwe n' Umudirecteri wabyo
- e. Kwiga budget n' aho amafaranga azaturuka kugira ngo imirimo igende neza
- f. Kwagura imirimo y' ubuwuzi mu Turere MPCR ikoreramo

- g. Gushaka uburyo bwo kwigisha no guhugura abantu muby'ubuvuzi
- h. Kwigisha abantu ibyo kwirinda icyorezo cya SIDA
- i. Kubaka za Dispensaires, ibigo ndera-buzima n'ibitaro, igihe bishobotse
- j. Gushyiraho za farmasi (pharmacies)

150. Departema y'Amajyambere.

Imirimo n'inshingano :

- a. Kwemeza abanyamuryango ba Mouvement pour Christ kugirango bitange ngo bakoreshe impano zabo z'iby'umutima n'iz'umubiri kugirango bubake Umuryango ushobora gufasha abantu mu biberekeye byose
- b. Guteza imbere ubuhinzi n'ibiryo kugira ngo abanyagihugu babone ibyokurya bihagije ;
- c. Gushinga amashyirahamwe kugira ngo turwanye ubushomeri kandi kugirango twigishe abaturage gukorera hamwe kugira ngo bazabone Umusaruro uhagije ;
- d. Kumenyesha abantu ibishoboka mu majyambere;
- e. Gutegura imishinga y'uburyo bwo igomba gukorerwa muri MOUVEMENT POUR CHRIST (imishinga ireba Ivugabutumwa, ubuvuzi, uburezi, na Departema irebana no gufasha abatishoboye, n'ibindi)
- f. Kurwanya ubukene mu by'umubiri no muby'ubugingo bwa Gikristo
- g. Gushaka ibibanza byo kubakamo

151. Departema yo gufasha Abatishoboye

Imirimo n'inshingano:

- a. Kwigira abafashwa abo aribo
- b. Kwigira aho imfashanyo zizaturuka;
- c. Kureba imfashanyo zihutirwa kurusha izindi;
- d. Kwigira uburyo bwo kugira inama ufashijwe ku by'imikoreshereze y'imfashanyo ahawe , no kumufasha mu by'Imana;
- e. Kwita ku by'impunzi;
- f. Gushyira abantu mu mahugurwa
- g. Gufasha abari mu bigo badasohokamo (nka prison)
- h. Gutabara abantu bagize ibyago by'ibyorezo bitunguranye.

152. Departema y'Uburezi

Imirimo n'inshingano:

- a. Kubaka ibigo by'amashuri (amato, ayisumbuye, kaminuza),
- b. Gushakira abantu bourses d'études, duherewe ku banyamuryango;
- c. Kwigisha abantu amasomo ya Bibliya, n'aya théologie ;
- d. Kwigisha amasomo ya Sciences, na Technologie ;
- e. Gukora ibishoboka byose ngo MPCR igire uruhare mu mizamukire y'uburezi.

153. Departema y'Urubyiruko

Imirimo n'inshingano :

- a. Kwigisha Urubyiruko Ijambo ry'Imana, ngo rukizwe,
- b. Kubigira imishinga yo kubateza imbere ;
- c. Kubategurira amahugurwa, harimo n'ayo kurwanya SIDA n'ibindi byorezo.

- d. Kubashakira imibereho myiza,
- e. Kubateza imbere mu nzego zinyuranye igihe bishobotse,
- f. Gukora ibishoboka byose ngo urubiruko rwige cyangwa, rwongererwe ubumenyi.

154. Departema y'Abari n'Abategarugori

Imirimo n'inshingano:

- a. Kubigisha Ijambo ry'Imana
- b. Kubahugura mu byiciro binyuranye, harimo ibijyanye n'ingo
- c. Kubigira imishinga no kubategurira ibikorwa by'amajyambere

155. Ibiro by'Umuvugizi bigizwe na:

- a. Ibiro bikuru by'Umuvugizi (Représentation)
- b. Secretariya na Archives;
- c. Ububitsi
- d. Service ihuza za Departema ,igategura imigambi ya MPCR
- e. Service y'Ivugabutumwa (Film, Emmaüs, LLCC, BGEA, etc.)
- f. Ushinzwe Amajyambere

IMIRONGO YA BIBLIYA YIFASHISHIJE:

156. IMANA

.Itangiriro 1:1-2; kuva 3: 13-15; Gutegeka Kwa kabiri 6:4; Matayo 28:19;
Yohana 1 :1-3 ; 5 :19-23 ; 8 :58 ; 14 :9-11 ; 15 :26 ; 16 : 13-15 ; 2Abakorinto 13 :14.
.Itangiriro 1 :26-27 ;Zaburi103 :13-14 ; Yesaya 40 :28-29 ; 64 :8 ; Matayo6 :8 ;18 :14;
Luka 15:11-32; Yahani 4:23; 1Yohana 1:13.

157. YESU KRISTO.

- Matayo 1: 21 ; 20:28; 26: 27-28; Luka 1:35;9:10; Yohana 1:1; 10,14;2Abakorinto 5:18-19,Abafiripi 2:5-8; Abaheburayo 2:17;9:14-15.
- Matayo 25:31-32; Luka 24:1-7; 24:39; Yohana 20:19; Ibyakozwe 1:9-11; 2:24; Abaroma 8:33-34; 2 Abakorinto 5:10; Abafiripi 2:9-11; Abaheburayo 1:1-4.

158. UMWUKA WERA.

- Matayo 28:19; Yohana 4:24; 14:16-17, 26; 15:26; 16:13-15.
- Yohana 16:7-8; Ibyakozwe 15:8-9; Abaroma 8: 9, 14-16; 1 Abakorinto 3:16; 2Abakorinto 3: 17-18, Abagaratiya 4:6.
- Ibyakozwe 5:3-4; Abaroma 8:14; Abakorinto 12:4-7; 2Petero 1:21.

159. IBYANDITSWE BYERA.

- Gutegekwa kwa kabiri :4:2;28:9; Zaburi 19:7-11;Yohana 14:26; 17: 17;Abaroma 15:4; 2Timoteyo 3:14-17; Abaheburayo 4:12; Yakobo 1:21.
- Matayo 5:17-18; Luka 10:25-28; Yohana5:39, 46-47; Ibyakozwe 10:43; Abagaratiya5: 3-4; 1 Petero 1: 10-12.
- Matayo 24:35; Mariko 8: 38; Yohana 14:24; Abaheburayo 2: 1-4; 2Petero 1:16-21; 1Yohana 2:2-6; Ibyahishuwe 21:5; 22:18-19.

160. ABANTU.

- Itangiriro 1: 27; Zaburi 51: 5; 130:3; Abaroma 5: 17-19; Abefeso 2:8-10.
- Matayo 22:35-40; Yohana 15:17; Abagaratiya 3: 28; 1Yohana 4:19-21.
- Matayo 5: 16; 7: 16-20; Abaroma 3: 27-28; Abefeso 2:8-10; 2Timoteyo1: 8-9; Tito3:5.

161. AGAKIZA

- Luka 24: 46-48; Yohana 3:16; Ibyakozwe 4:12; Abaroma 5: 8-11; Abagaratiya 2: 16; 3:2-3; Abefeso 1:7-8; 2:13; Abaheburayo 9:11-14; 25-26, 10:8-14.
- Yohana 1:12-13; 3:3-8; Ibyakozwe 13:38-39; Abaroma 8: 15-17; Abefeso 2:8 9; Abakorosayi 3:9-10.
- Zaburi 32:1-2; Ibyakozwe 10: 43; Abaroma 3:21-26; 28; 4:2-5; 5:8-9; 1 Abakorinto 6:11; Abafiripi 3:9.
- Ezekiyeli 36:26-27; Yohana 5:24; Abaroma 6:4; 2 Abakorinto 5: 17; Abefeso 4: 22-24; Abakorosayi 3: 9-10; Tito 3: 4-5; 1 Petero 1: 23.
- Abaroma 8:15-17; Abagaratiya 4: 4-7; Abefeso 1: 5-6; 1 Yohana 3:1-3.
- Abarewi 20: 7-8; Yohana 14:16-17; 17:19; Ibyakozwe 1:8 ; 2:4; 15:8-9; Abaroma 5:3-5; 8:12-17; 12:1-2; 1 Abakorinto 6:11; 12:4-11; Abagaratiya 5: 22-25; Abefeso 4:23 – 24; 1 Abatesaronike 4: 7; 5:23-24; 2 Abatesaronike 2: 13; Abaheburayo 10: 19-20.
- Matayo 12: 31-32; 18: 21-22; Abaroma 6:1-2 ; Abagaratiya 6: 1; 1 Yohana 1: 9; 2:1-2; 5: 16-17; Iyahishuwe 2: 5 ; 3: 19-20.

162. ITORERO

- Matayo 16: 15-18 ; 18:17; Ibyakozwe 2: 41-47; 9:31;;12:5;14: 23-26; 15:22; 20:28; 1 Abakorinto 1:2;11:23;12:28; 16:1; Abefeso 1:22-23;2:19- 22;3:9-10; 5:22-23; 1 Abakolosayi 1:18; 1 Timoteyo 3:14-15.
- Nehemiya 8:5, 6, 8; Matayo 6:7; 1 Abakorinto 14 : 6-9; 2 Abakorinto 14: 23-25.
- Matayo 26:26-29; 28:19; Ibyakozwe 22:16; Abaroma 4: 11 ; 1 Abakorinto 10: 16-17 ; 11:23-26; Abagalatiya 3:27.
- Ibyakozwe 2:38,41;8:12-17;9:18;16:33;18:8;19:5;Yohana 3:5; 1 Abakorinto 12: 13; Abagalatiya 3: 27-29; Abakorosayi 2:11-12; Tito 3:5.
- Mariko 14:22-24; Yohana 6:53-58; Ibyakozwe 2: 46; 1 Abakorinto 5: 7-8 ;10:16; 11:20, 23-29.

163. IBY'IMPERUKA.

- Matayo 6:10,19-20;24:14; Ibyakozwe 1:8; Abaroma 8:19-23; 1 Abakorinto 15: 20-25; Abafiripi 2: 9-10; 1 Abatesaronike 4: 15-17; 2 Abatesaronike 1:5-12; 2 Petero 3:2-10; Iyahishuwe 14:6; 21:3-8; 22:1-5; 17.
- Matayo 24:1-51;26 :64 ; Mariko 13:26-27;Luka 17:26-37; Yohana 14:1-3; Ibyakozwe 1:9-11; 1 Abatesaronike 4: 13-18; Tito 2: 11-14; Abaheburayo 9: 27-28; Iyahishuwe 1: 7; 19:11-16; 22:6-7, 12, 20.
- Yohana 5:28-29; 1 Abakorinto 15:20, 51-57; 2 Abakorinto 4:13-14.
- Matayo 25:31-46; Luka 11:31-32; Ibyakozwe 10: 42;17:31; Abaroma 2: 15-16; 14:10-11; 2 Abakorinto 5: 6-10; Abaheburayo 9:27-28; 10:26-31; 2 Petero 3:7.
- Mariko 9:42-48; Yohana 14:3; Abaheburayo 2:1-3; Iyahishuwe 20:11-15; 21:22-27.

AMATEGEKO ASOZA.

164. Ubuyobozi bwa MPCR (Administration)

Bugizwe na :

Président Fondateur w'Umuryango (Promoteur & Visionnaire)

Représentant légal

Représentant légal Supléant

Président w'Inama Nishwanama

Secrétaire Exécutif

Directeur Exécutif (Umuyobozi w'imirimo)

Div. Départements :

- Ivugabutumwa

-Ubuvuzi

-Uburezi

-Gufasha abatishoboye

-Urubyiruko

-Abari n'abategarugori.

-Aba pasteurs

-Abavugabutumwa

Amanama makuru.

_ Inama Rusange

_ Inama Nyobozi

_ Inama Ngishwanama

165. Imirimo ya za Komisiyo n'iyi :

_ Nizo zitanga umurongo w'uko imirimo izakorwa

_ Zihabwa rapport y'uko imirimo yakozwe

_ Zitanga ibyifuzo bishya zimaze kubona rapport y'uko imirimo igenda ;

_ Ziterana nibura kabiri mu mwaka. icyokora zishobora guterana mu buryo

Budasanze iyo bibaye ngambwa.

ZA KOMISIYO

- Komisiyo y'Ivugabutumwa

- Komisiyo y'amajyambere

- Komisiyo y'uburezi

-Komisiyo y'ubuvuzi

-Komisiyo yo gufasha abatishoboye

-Komisiyo y'urubyiruko

- Komisiyo y'Abari n'Abategarugori.

166. Départements (Abayobozi)

- Y'Ivugabutumwa
- Y'Abajyanama
- Y'Uburezi
- Yo gufasha abatishoboye
- Y'Urubyiruko
- Y'Ubuwuzi, y'Abari n' Abategarugori


**Umuyobozi w'Inama, akaba na Visionnaire,
Promoteur et Président – Fondateur
Wa Mouvement Pour Christ
Au RWANDA – M.P.C.R.,**

**Rév Pasteur KANYABIGEGA Silas
Représentant Légal**



**Umwanditsi w'aya Mategeko Yihariye
Ya Mouvement pour Christ au Rwanda:
(Signé)**

**NZAVUGANKIZE Vénantie
Membre - Fondateur**



M P C R

Jean 3:16

